



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 04/05/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of
04/05/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
04/05/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. BNR : Amabwiriza rusange/ Regulation/ Règlement

| | |
|--|---|
| Amabwiriza rusange n° 66/2023 yo ku wa 25/04/2023 yerekeye ibisabwa mu kwemerera abishingizi n'abishingizi b'abishingizi gukora..... | 2 |
| Regulation n° 66/2023 of 25/04/2023 on licensing conditions for insurers and reinsurers | 2 |
| Règlement n° 66/2023 du 25/04/2023 relatif aux conditions d'agrément des assureurs et des réassureurs..... | 2 |

Quarterly Financial Statements for the period ended December 31, 2022.....194

B. CMA : Imirongo ngenderwaho / Guidelines / Directives

| | |
|---|-----|
| Imirongo ngenderwaho n° 002/CMA_G/2023 yo ku wa 27/04/2023 igenga igeragezwa ry'ikoranabuhanga mu by'imari ryerekeranye n'ibicuruzwa na serivisi by'Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda..... | 199 |
| Guidelines n° 002/CMA_G/2023 of 27/04/2023 governing the fintech regulatory sandbox for Capital Markets in Rwanda..... | 199 |
| Directives n° 002/CMA_G/2023 du 27/04/2023 régissant le sandbox réglementaire de fintech pour les Marchés des Capitaux au Rwanda..... | 199 |

| | | |
|--|---|--|
| <p>IMIRONGO NGENDERWAHO N° 002/CMA_G/2023 YO KU WA 27/04/2023 IGENGA IGERAGEZWA RY'IKORANABUHANGA MU BY'IMARI RYEREKERANYE N'IBICURUZWA NA SERIVISI BY'ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE MU RWANDA</p> | <p>GUIDELINES N° 002/CMA_G/2023 OF 27/04/2023 GOVERNING THE FINTECH REGULATORY SANDBOX FOR CAPITAL MARKETS IN RWANDA</p> | <p>DIRECTIVES N° 002/CMA_G/2023 DU 27/04/2023 RÉGISSANT LE SANDBOX RÉGLEMENTAIRE DE FINTECH POUR LES MARCHÉS DES CAPITAUX AU RWANDA</p> |
| <p><u>ISHAKIRO</u></p> | <p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> | <p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> |
| <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> | <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> | <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iyi mirongo ngenderwaho igamije</p> | <p><u>Article One:</u> Purpose of these Guidelines</p> | <p><u>Article premier:</u> Objet des présentes directives</p> |
| <p><u>Ingingo ya 2:</u> Abarebwa n'iyi mirongo ngenderwaho</p> | <p><u>Article 2:</u> Scope</p> | <p><u>Article 2:</u> Champ d'application</p> |
| <p><u>Ingingo ya 3:</u> Isobanura</p> | <p><u>Article 3:</u> Interpretation</p> | <p><u>Article 3:</u> Interprétation</p> |
| <p><u>UMUTWE WA II: IBYEREKERANYE N'IGERAGEZA RY'IKORANABUHANGA MU BY'IMARI</u></p> | <p><u>CHAPTER II: ABOUT FINTECH REGULATORY SANDBOX</u></p> | <p><u>CHAPITRE II : À PROPOS DU SANDBOX RÉGLEMENTAIRE DE FINTECH</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibisobanuro ku bijyanye n'udushya tw'ikoranabuhanga mu by'imari</p> | <p><u>Article 4:</u> Description of Fintech Innovations</p> | <p><u>Article 4 :</u> Description des Innovations Fintech</p> |
| <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ibisobanuro by'ibanze ku</p> | <p><u>Article 5:</u> Introduction to Fintech</p> | <p><u>Article 5 :</u> Introduction du Sandbox</p> |

| | | |
|--|--|---|
| <p>igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Intego z'igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari zirimo udushya</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Inyungu z'igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari</p> <p><u>UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IGERAGEZA RY'IKORANABUHANGA MU BY'IMARI</u></p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibishingirwaho mu kwemererwa</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Gahunda y'igerageza</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bwo gusaba no kwemererwa</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Gusozwa igerageza</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Ibisabwa mu gutanga raporo no kubika inyandiko</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Ingingo ivanaho ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza ngenderwaho</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Gutangira gukurikizwa</p> | <p>Regulatory Sandbox</p> <p><u>Article 6:</u> Objectives of the Fintech Regulatory Sandbox</p> <p><u>Article 7:</u> Fintech Regulatory Sandbox benefits</p> <p><u>CHAPTER III: OPERATIONALIZATION OF FINTECH REGULATORY SANDBOX</u></p> <p><u>Article 8:</u> Eligibility Criteria</p> <p><u>Article 9:</u> Testing plan</p> <p><u>Article 10:</u> Application and approval process</p> <p><u>Article 11:</u> Completion of testing in the Sandbox</p> <p><u>Article 12:</u> Reporting requirements and records keeping</p> <p><u>Article 13:</u> Repealing provisions</p> <p><u>Article 14:</u> Entry into force</p> | <p>Réglementaire de Fintech</p> <p><u>Article 6 :</u> Objectifs du Sandbox réglementaire de Fintech</p> <p><u>Article 7 :</u> Avantages de le Sandbox réglementaire de Fintech</p> <p><u>CHAPITRE III :</u> L'OPÉRATIONNALISATION DU SANDBOX RÉGLEMENTAIRE DE FINTECH</p> <p><u>Article 8 :</u> Critères d'admissibilité</p> <p><u>Article 9 :</u> Plan de test</p> <p><u>Article 10 :</u> Processus de demande et d'approbation</p> <p><u>Article 11 :</u> Réalisation des tests dans le Sandbox</p> <p><u>Article 12:</u> Exigences en matière de rapports et conservation des documents</p> <p><u>Article 13 :</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 14 :</u> Entrée en vigueur</p> |
|--|--|---|

| | | |
|--|--|---|
| <p>IMIRONGO NGENDERWAHO N° 002/CMA_G/2023 YO KU WA 27/04/2023 IGENGA IGERAGEZWA RY'IKORANABUHANGA MU BY'IMARI RYEREKERANYE N'IBICURUZWA NA SERIVISI BY'ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE MU RWANDA</p> <p>Hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko n° 057/2021 ryo ku wa 18/09/2021 rishyiraho Urwego rw'u Rwanda rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 7 n'ya 9;</p> <p>Hashingiwe ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> <p>Rushingiye ku Itegeko n° 062/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe;</p> <p>Urwego rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane, rwitwa "URWEGO" muri aya mabwiriza, rutegetse:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> | <p>GUIDELINES N°002/CMA_G/2023 OF 27/04/2023 GOVERNING THE FINTECH REGULATORY SANDBOX FOR CAPITAL MARKETS IN RWANDA</p> <p>Pursuant to the Law N° 057/2021 of 18/09/2021 establishing the Capital Market Authority of Rwanda especially in its articles 7 and 9;</p> <p>Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating Capital Market in Rwanda as modified to date;</p> <p>Pursuant to the Law governing Collective Investment Schemes n° 062/2021 of 14/10/2021;</p> <p>The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> | <p>DIRECTIVES N° 002/CMA_G/2023 DU 27/04/2023 RÉGISSANT LE SANDBOX RÉGLEMENTAIRE DE FINTECH POUR LES MARCHÉS DES CAPITAUX AU RWANDA</p> <p>Vu la loi n° 057/2021 du 18/09/2021 portant création de l'Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda spécialement en ses articles 7 et 9 ;</p> <p>Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du Marché des Capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour ;</p> <p>Vu la loi n° 062/2021 du 14/10/2021 régissant les fonds d'investissement collectif ;</p> <p>L'Autorité du Marché des Capitaux ci-après dénommée "L'AUTORITÉ", édicte :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIÈRE : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> |
|--|--|---|

| | | |
|--|--|--|
| <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo ngenderwaho igamije</u></p> <p>Iyi mirongo ngenderwaho igenga imikoreshereze y'igerageza ry'udushya duhangwa n'ikoranabuhanga mu by'imari mu byerekeranye n'ibicuruzwa na serivisi by'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Abarebwa n'iyi mirongo ngenderwaho</u></p> <p>Igerageza ry'udushya tw'ikoranabuhanga mu by'imari rigamije gufasha ibigo bigitangira, ibigo bihamye bisanzwe bikora ibijyanye n'ikoranabuhanga mu by'imari, n'abasanze batanga serivisi zigendanye n'isoko ry'imari n'imigabane bashaka kugerageza udushya tw'ikoranabuhanga mu bicuruzwa na serivisi byabo byerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane.</p> <p>Igerageza rireba udushya twose duhangwa n'ikoranabuhanga mu by'imari bishobora gukoreshwa mu bicuruzwa na serivisi byose byerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane harimo, ariko atari ibyo gusa:</p> <ol style="list-style-type: none"> (1) Uburyo bwo kubona amafaranga cyangwa gukusanya amafaranga; (2) Gucuruza no kwishyurana ku isoko ry'imari n'imigabane; | <p><u>Article One: Purpose of these Guidelines</u></p> <p>These guidelines are issued to be used as a guide on the operationalization of Regulatory Sandbox for Fintech innovations related to capital markets business in Rwanda.</p> <p><u>Article 2: Scope</u></p> <p>The Fintech Regulatory Sandbox intends to assist the start-ups, established Fintech firms and capital market players who seek to test their innovative products and services related to capital market business.</p> <p>The Regulatory Sandbox covers all Fintech innovations that affect the entire value chain of capital markets business including but not limited to:</p> <ol style="list-style-type: none"> (1) Financing or capital raising; (2) Trading and settlement of securities; | <p><u>Article premier : Objet des présentes directives</u></p> <p>Ces directives sont publiées pour être utilisées comme guide à l'opérationnalisation du Sandbox réglementaire pour les innovations de Fintech liées aux activités des marchés de capitaux au Rwanda.</p> <p><u>Article 2 : Champ d'application</u></p> <p>Le Sandbox réglementaire de Fintech a pour but d'aider les start-ups, les entreprises de Fintech établies et les acteurs du marché des capitaux qui cherchent à tester leurs produits et services innovants liés aux activités du marché des capitaux.</p> <p>Le Sandbox réglementaire couvre toutes les innovations de Fintech qui affectent l'ensemble de la chaîne de valeur des activités des marchés de capitaux, y compris, mais sans s'y limiter :</p> <ol style="list-style-type: none"> (1) Financement ou collecte de capitaux; (2) Négociation et règlement de titres ; |
|--|--|--|

| | | |
|---|---|---|
| <p>(3) Ubuhuza ku isoko ry'imari n'imigabane;</p> <p>(4) Ubujyanama mu ishoramari;</p> <p>(5) Imicungire y'ishoramari</p> <p>(6) Isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze;</p> <p>(7) Ibicuruzwa bikomoka ku bindi;</p> <p>(8) Igenzuramikorere, ubugenzuzi (kumenya neza umukiriya, kumenya umukiriya wawe, gukurikiza ibiteganyijwe, n'ibindi...);</p> <p>(9) N'ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cy'ubucuruzi bwerekeranye n'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, imicungire y'ishoramari n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze.</p> | <p>(3) Securities brokerage;</p> <p>(4) Investment advisory;</p> <p>(5) Investment management;</p> <p>(6) Commodity exchange;</p> <p>(7) Structured products and derivatives;</p> <p>(8) Regulatory, supervision (Customer Due Diligence, Know Your Customer, compliance, etc...); and</p> <p>(9) Any other business activity related to securities market, investment management and commodity exchange.</p> | <p>(3) Courtage en titres ;</p> <p>(4) Conseil en investissement ;</p> <p>(5) Gestion des investissements</p> <p>(6) Marché de produits de base ;</p> <p>(7) Produits structurés et dérivés ;</p> <p>(8) Réglementaire, supervision (vigilance à l'égard de la clientèle, connaissance du client, conformité, etc.) ; et</p> <p>(9) Toute autre activité commerciale liée au marché des titres, à la gestion des investissements et au marché des produits de base.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 3: Isobanura</u></p> <p>Muri iyi mirongo ngenderwaho, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>(1) Usaba: uruhande rushishikajwe no kwitabira igerageza nk'uko bigaragazwa mu ifishi isaba, yuzuzwa igatangwa;</p> | <p><u>Article 3: Interpretation</u></p> <p>In these guidelines, the following words and expressions shall have the meanings thereby assigned:</p> <p>(1) Applicant: the party interested in being a Participant in the Regulatory Sandbox as indicated through the submission of an application form;</p> | <p><u>Article 3: Interprétation</u></p> <p>Dans les présentes directives, les mots et expressions suivants ont les significations suivantes :</p> <p>(1) Demandeur : la partie intéressée à être un participant au sandbox réglementaire, comme indiqué lors de la soumission d'un formulaire de demande;</p> |

| | | |
|---|---|--|
| <p>(2) Uwitabiriye cyangwa Ikigo mu byitabiriye igerageza: Uwasabye akemererwa na CMA kwitabira igerageza;</p> | <p>(2) Participant or sandbox entity: an applicant that has been accepted by the CMA to participate in the Regulatory Sandbox;</p> | <p>(2) Participant ou entité du sandbox : un demandeur qui a été accepté par la CMA pour participer au sandbox réglementaire;</p> |
| <p>(3) igerageza ry'ibicuruzwa serivisi birimo udushya: ni ahantu cyangwa uburyo bwihariye bwifashishwa mu kugerageza ibicuruzwa na serivisi birimo udushya, bikageragerezwa ku ntera cyangwa ingano ntoya, mu gihe runaka, kandi bikagenzurwa n'Urwego ngenzura mikorere;</p> | <p>(3) Regulatory Sandbox or Sandbox: is a controlled regulatory environment in which innovative products and services can be live tested on a limited scale for a specified period of time under the oversight of the regulator;</p> | <p>(3) Sandbox réglementaire ou Sandbox: est un environnement réglementaire contrôlé dans lequel des produits et services innovants peuvent être testés en direct, à une échelle limitée, pendant une période de temps spécifiée sous la supervision du régulateur ;</p> |
| <p>(4) CMA: impine y'icyongereza bivuga Urwego rw'u Rwanda rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane;</p> | <p>(4) CMA: the Capital Market Authority of Rwanda;</p> | <p>(4) CMA : l'Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda ;</p> |
| <p>(5) Fintech: Ikoranabuhanga mu by'imari, iyo nyito ikaba ikoreshwa hasobanurwa ikoranabuhanga rigezweho rigamije kunoza itangwa n'ikoreshwa rya serivisi z'imari. Udushya mu ikoranabuhanga mu by'imari bifite igisobanuro kimwe n'ibicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya muri iyi mirongo ngenderwaho;</p> | <p>(5) Fintech: Financial Technology, and the term is used to describe emerging technologies that seek to improve and automate the delivery and use of financial services. Fintech innovation has the same meaning as innovative product or service in these guidelines;</p> | <p>(5) Fintech : la technologie financière, et le terme est utilisé pour décrire les technologies émergentes qui cherchent à améliorer et à automatiser la prestation et l'utilisation des services financiers. L'innovation de Fintech a la même signification que produit ou service innovant dans ces directives ;</p> |
| <p>(6) Gukusanya imari hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga: uburyo</p> | <p>(6) Digital capital raising or crowdfunding: the new concept of</p> | <p>(6) Collecte des capitaux par internet ou financement participatif : le nouveau</p> |

| | | |
|--|---|---|
| <p>bushya bwo gukusanya amafaranga aturutse mu bantu benshi, ibigo cyangwa se rubanda muri rusange hifashishijwe imbuga z'ikoranabuhanga, kandi akenshi agakusanywa ari amafaranga make make kugira ngo ashorwe mu mushinga, igitekerezo cyangwa ubucuruzi runaka. Hari ubwoko bwinshi bwo gukusanya amafaranga, ariko muri iyi mirongo ngenderwaho, haravugwa gusa ku buryo bwo gukusanya amafaranga, aho uyatanze aba umunyamigabane w'icyo ayashoyemo, cyangwa se aho uyantanze aba ayatanze nk'umwenda azishyurwa n'inyungu, ndetse n'ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwo gukusanya amafaranga y'ishoramari aturutse muri rubanda binyuze ku mbuga z'ikoranabuhanga zifashishwa mu gukusanya amafaranga;</p> | <p>raising capital from a large number of individuals, organizations or generally the public, usually in small amounts to fund a project, an idea, or a business through a crowdfunding platform. There are various types of crowdfunding, but for the purpose of these guidelines, this concept will cover equity crowdfunding, debt crowdfunding and any other forms of investment instrument-based crowdfunding;</p> | <p>concept de collecte de capitaux auprès d'un grand nombre d'individus, d'organisations ou du public en général, généralement en petites quantités pour financer un projet, une idée ou une entreprise via une plateforme de financement participatif. Il existe différents types de financement participatif, mais aux fins des présentes directives, ce concept couvre le financement participatif par actions, le financement participatif par emprunt et toute autre forme de financement participatif basé sur des instruments d'investissement ;</p> |
| <p>(7) Imbuga zo gukusanya amafaranga: Porogaramu zo ku mbuga za interineta, porogaramu zo kuri telefoni ngendanwa cyangwa izindi mbuga z'ikoranabuhanga izo ari zo zose zakoroshya kubona amafaranga n'amahirwe yo gushora imari ndetse no guhanahana amakuru hagati y'abahawe amafaranga rubanda bayatanze aribo</p> | <p>(7) Crowdfunding platforms: Web based applications, mobile applications or any other digital platforms that facilitate funding and investment opportunities and interaction between fundraiser and investing public or crowd. Various investment instruments can be issued to raise funds over crowdfunding platforms;</p> | <p>(7) Plateformes de financement participatif: Applications Web, applications mobiles ou toute autre plateforme numérique qui facilitent les opportunités de financement et d'investissement et l'interaction entre la collecte de fonds et le public ou la foule investisseurs. Divers instruments d'investissement peuvent être émis</p> |

| | | |
|---|--|---|
| <p>bashoramari. Uburyo butandukanye bw'ishoramari bushobora kwifashishwa mu gukusanya amafaranga binyuze ku mbuga z'ikoranabuhanga zo gukusanya amafaranga;</p> | | <p>pour lever des fonds sur des plateformes de financement participatif;</p> |
| <p>(8) Gukusanya amafaranga aho uyatanze aba umunyamigabane: Uburyo bwo gukusanya amafaranga aturutse muri rubanda cyangwa mu gice runaka cy'abaturage hatangwa inyadiko z'agaciro zo gushora imari (kugira imigabane mu kigo cy'ubucuruzi, ubucuruzi, umushinga, n'ibindi) binyuze ku mbuga nkoranyambaga zikusanyirizwaho ayo mafaranga. Abashoramari babona inyungu ku migabane yabo nyuma y'igihe cyagenwe, kandi mu gihe bahisemo kuvamo, bagurisha imigabane yabo;</p> | <p>(8) Equity based crowdfunding: The process of raising funds from the public or a section of the public by issuing equity securities (ownership in a company, business, project, etc.) through a crowdfunding platform. Investors get their returns through dividends and can decide to exit by selling their shares;</p> | <p>(8) Financement participatif basé sur les fonds propres : Le processus de collecte de fonds auprès du public ou d'une partie du public par l'émission de titres de participation (propriété dans une entreprise, une entreprise, un projet, etc.) via une plateforme de financement participatif. Les investisseurs obtiennent leurs rendements par le biais de dividendes et peuvent décider de quitter en vendant leurs actions ;</p> |
| <p>(9) Gukusanya amafaranga hashingiwe ku myenda, binazwi nko kugurizanya kw'abantu hagati yabo: uburyo bwo gukusanya amafaranga avuye muri rubanda cyangwa mu gice runaka cy'abaturage hatangwa inyandiko z'imigabane nguzanyo, bihabwa rubanda cyangwa igice runaka cy'abaturage binyuze ku mbuga</p> | <p>(9) Debt based crowdfunding also known as Peer-to-Peer lending: the process of raising funds from the public or a section of the public by issuing debentures or debt securities to the public or a section of the public through a crowdfunding platform. Debt securities are types of loans that involve a large pool of investors</p> | <p>(9) Financement participatif basé sur la dette également connue sous le nom de prêt entre pairs : le processus de collecte de fonds auprès du public ou d'une partie du public en émettant des débentures ou des titres de créance au public ou à une partie du public via une plateforme de financement participatif. Les titres de créance sont des types de</p> |

| | | |
|--|---|---|
| <p>nkoranyambaga zikusanyirizwaho amafaranga. Inyandiko z'imigabane nguzanyo, ni ubwoko bw'inguzanyo ihuriweho n'abashoramari benshi baguriza ikigo cy'ubucuruzi, ubucuruzi cyangwa umushinga (uwagujije cyangwa uwagurijwe) ku mwenda wishyurwa nyuma y'igihe cyagenwe, ndetse n'inyungu zigenda zishyurwa mu buryo ngarukagihe;</p> | <p>lending money to a company, business or project (borrower or issuer) in exchange of a debt instrument that pays a full principle upon maturity, and interest paid periodically;</p> | <p>prêts qui impliquent un grand nombre d'investisseurs prêtant de l'argent à une entreprise ou un projet (emprunteur ou émetteur) en échange d'un titre de créance qui paie un capital complet à l'échéance et des intérêts payés périodiquement ;</p> |
| <p>(10) Gukusanya amafaranga ashirwa mu bigega by'ishoramari: uburyo bwo gukusanya amafaranga, agashyirwa mu bigega by'ishoramari by'abishyize hamwe n'ibindi bigega by'ishoramari ibigega by'ishoramari bihuriweho n'abantu baba bafite umugambi wo gushora imari mu bigo bigitangira cyangwa ibigo bito n'ibiciriritse, ibigega by'ishoramari bihuriweho n'abantu bake ku giti cyabo, n'ibindi) binyuze ku mbuga zo gukusanya amafaranga;</p> | <p>(10) Fund based crowdfunding: the process of raising funds for pooling under Collective Investment Schemes and Alternative Investment Funds (Venture Capital Funds and Private Equity Funds, etc.) through crowdfunding platforms;</p> | <p>(10) Financement participatif basé sur des fonds : processus de collecte de fonds pour la mise en commun dans le cadre de fonds d'investissement collectif et de fonds d'investissement alternatifs (fonds de capital de risque et fonds de capital-investissement, etc.) via des plateformes de financement participatif ;</p> |
| <p>(11) Ikoranabuhanga ryifashishwa mu bigendanye n'ishoramari: ikoranabuhanga rifasha abakiriya kuzigama no gushora amafaranga mu migabane, ibigega by'imari bihuriweho, impapuro mpeshwamwenda, ibigega</p> | <p>(11) Digital Investment Platforms: digital solutions that allow customers to save and invest their money in stocks, shares, mutual funds, bonds, investment funds and make more of their money. They provide avenues for investments, management of financial</p> | <p>(11) Plateformes d'investissement numériques : solutions numériques qui permettent aux clients d'épargner et d'investir leur argent dans des actions, des fonds communs d'investissement, des obligations, des fonds d'investissement et de faire plus de leur</p> |

| | | |
|---|---|---|
| <p>by'ishoramari maze bakabyaza amafaranga yabo andi. Ni ikoranabuhanga kandi ryoroshya ishoramari, imicungire y'imitungo y'imari, gukurikirana uko ishoramari rikoresha no kubona aho gushora imari hatandukanye;</p> <p>(12) Ikoranabuhanga ngenzuramikorere: igice kimwe mu bigize ikoranabuhanga mu by'imari, rikoresha mu bikorwa by'ubugenzuzi, n'iyubahirizwa ry'ibisabwa, ku buryo ibisabwa mu bugenzuzi bishobora gukemuka mu buryo bunoze kandi buboneye. Ni ikoranabuhanga kandi ryifashishwa mu koroshya ibikorwa byo kugenzura imyirondoro, kumenya umukiliya wawe hakoreshejwe ikoranabuhanga (kugenzura umwirondoro w'umukiriya ko ari uwe koko, imicungire y'ibyatera ingorane, gukurikiza ibisabwa kimwe n'uburyo bwo gutanga amakuru y'ubugenzuzi n'imitungo y'amakuru shingiro.</p> <p>UMUTWE WA II: IBYEREKERANYE N'IGERAGEZA RY'IKORANABUHANGA MU BY'IMARI</p> | <p>assets, track investments and access various investment products;</p> <p>(12) Regulatory Technology (RegTech): the subset of Fintech used to automate oversight and compliance processes so that regulatory requirements can be solved more effectively and efficiently. They are used to automate processes including identity management, electronic know your customer (eKYC) and customer due diligence (CDD), risk management and compliance as well as regulatory reporting and data management.</p> <p>CHAPTER II: ABOUT FINTECH REGULATORY SANDBOX</p> | <p>argent. Ils offrent des possibilités d'investissement, de gestion des actifs financiers, de suivi des investissements et d'accès à divers produits d'investissement ;</p> <p>(12) Technologie de réglementation (RegTech) : le sous-ensemble de Fintech utilisé pour automatiser les processus de surveillance et de conformité afin que les exigences de réglementation puissent être résolues de manière plus efficace et efficiente. Ils sont utilisés pour automatiser les processus, y compris la gestion de l'identité, la connaissance électronique de votre client (eKYC) et la diligence raisonnable de la clientèle (CDD), la gestion des risques et la conformité ainsi que les rapports de réglementation et la gestion des données.</p> <p>CHAPITRE II : À PROPOS DU SANDBOX RÉGLEMENTAIRE DE FINTECH</p> |
|---|---|---|

| Ingingo ya 4: Ibisobanuro ku bijyanye n'udushya tw'ikoranabuhanga mu by'imari | Article 4: Description of Fintech Innovations | Article 4 : Description des Innovations Fintech |
|---|---|--|
| <p>(1) Urwego rw'imari muri rusange ruragenda rugira impinduka zihuse, bitewe n'iterambere ry'Ikoranabuhanga mu by'imari (Fintech). Izi ni impinduka mu ikoranabuhanga, zigenda zihindura imiterere y'isoko maze zikarema uburyo bushya bw'ubucuruzi burushaho gutanga ibicuruzwa na serivisi by'imari mu buryo bunozze.</p> <p>(2) Udushya mu ikoranabuhanga mu by'imari natwo tugenda twiyongera mu Rwanda mu buryo bwihuse, cyane cyane by'umwihariko mu isoko y'imari n'imigabane ryo Rwanda. Ikoranabuhanga mu by'imari rigira impinduka ku bicuruzwa byose na service zigendanyen'isoko y'imari n'imigabane uherye ku gukusanya amafaranga y'ishoramari aturutse muri rubanda, ubuhuza, ubwizigame n'imirungire y'ishoramari, ubucuruzi no kwishyurana kw'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane; ndetse n'Ikoranabuhanga ngenzuramikorere (RegTech) naryo rishamikiye ku ikoranabuhanga mu by'imari.</p> | <p>(1) Financial sector at large is going through a rapid transformation, underpinned by evolving Financial Technology (Fintech). This is a digital transformation, which is fundamentally changing market structures and create new business models that typically offer financial products and services efficiently.</p> <p>(2) Fintech innovations are also growing rapidly in Rwanda, and specifically for Rwandan capital markets, Fintech affects the entire value chain of capital markets starting from capital raising, brokerage, savings and investment management, trading and settlement; and finally Regulatory Technologies (RegTech) which is a sub-set of Fintech.</p> | <p>(1) Le secteur financier, dans son ensemble, traverse une transformation rapide, soutenue par l'évolution de la technologie financière (Fintech). Il s'agit d'une transformation numérique, qui modifie fondamentalement les structures du marché et crée de nouveaux modèles commerciaux qui offrent généralement des produits et services financiers de manière efficace.</p> <p>(2) Les innovations Fintech se développent également rapidement au Rwanda, et plus particulièrement pour les marchés de capitaux rwandais, Fintech affecte l'ensemble de la chaîne de valeur des marchés de capitaux à partir de la collecte de capitaux, du courtage, de l'épargne et de la gestion des investissements, du commerce et du règlement ; et enfin Technologies de réglementation (RegTech) qui est un sous-ensemble de Fintech.</p> |

| | | |
|--|--|--|
| <p>(3) Kuri ubu, ntabwo ikoranabuhanga mu by'imari ryari ryagatangiyeye kugenzurwa n'amategeko agenga isoko ry'imari n'imigane mu Rwanda; kandi n'ubwo rifite ubushobozi bwo kwagura isoko cyane, ariko nanone rishobora guteza ingorane zimwe na zimwe mu gihe ritagenzurwa neza. Ni iby'ingenzi kugira ubushobozi bwo kumenya neza, gukurikirana no kukumira ingorane zaterwa n'utwo dushya mu ikoranabuhanga mu by'imari Bityo, hakenewe kugereranya neza inyungu zo kunoza imikorere, kwitabwaho kw'abakiliya no kwihutisha ikwirakwiza rya serivisi z'imari ridaheza binyuze muri utwo dushya ndetse n'ingorane ku bashoramari n'urwego rw'imari.</p> | <p>(3) Fintech are currently not falling under existing regulatory framework for capital markets in Rwanda, and though they have the potential to fundamentally deepen the market, but also can pose some risks if they are not properly controlled. It is fundamental to be able to identify, monitor and mitigate the risks that may be posed by Fintech innovations. Therefore, there is a need to find a balance between the benefits of improving efficiency, customer experience and financial inclusion through these innovations and the risks that may come with them for investors and the financial system.</p> | <p>(3) Les Fintech ne relèvent actuellement pas du cadre de réglementation existant pour les marchés de capitaux au Rwanda, et bien qu'elles aient le potentiel d'approfondir fondamentalement le marché, elles peuvent également poser certains risques si elles ne sont pas correctement contrôlées. Il est fondamental de pouvoir identifier, surveiller et atténuer les risques que peuvent poser les innovations Fintech. Par conséquent, il est nécessaire de trouver un équilibre entre les avantages de l'amélioration de l'efficacité, de l'expérience client et de l'inclusion financière grâce à ces innovations et les risques qui peuvent en découler pour les investisseurs et le système financier.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 5: Ibisobanuro by'ibanze ku igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari</u></p> <p>(1) Ikoranabuhanga mu by'imari ni rishya kandi ntago abantu bararisobanukirwa neza ndetse nta nubwo riri mu bicuruzwa na serivisi zigengwa n'amategeko asanzweho agenga isoko ry'imari n'imigabane. CMA yizera ko mbere yo gushyiraho amabwiriza,</p> | <p><u>Article 5: Introduction to Fintech Regulatory Sandbox</u></p> <p>(1) Fintech business are new and are not fully explored and not covered into existing CMA regulatory framework. The CMA believes that before building regulations, there is a need to first understand the nature of the business and the risks it entails as opposed to</p> | <p><u>Article 5: Introduction du Sandbox Réglementaire de Fintech</u></p> <p>(1) Les activités de Fintech sont nouvelles et ne sont pas entièrement explorées et ne sont pas couvertes par le cadre de réglementation existant de la CMA. La CMA croit qu'avant d'établir des règlements, il faut d'emblée comprendre la nature de l'entreprise et</p> |

| | | |
|---|---|--|
| <p>hakenewe kubanza gusobanukirwa neza imiterere y'iri koranabuhanga mu by'imari n'ingorane ryateza aho kwibanda ku gushyiraho amabwiriza muri rusange.</p> | <p>being generic.</p> | <p>les risques qu'elle comporte plutôt que d'être générique.</p> |
| <p>(2) CMA ibona ko umusingi wo guhangana n'iyi mbogamizi ari ugutangiza igerageza ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya; rikaba ari uburyo bwo kugenzura no kugerageza imbonankubone ibyo bicuruzwa na serivisi birimo udushya, bikageragerezwa ku ntera cyangwa ingano ntoya, mu gihe runaka mbere yo kugezwa ku isoko ryagutse.</p> | <p>(2) The CMA considers that the foundation of addressing this challenge is the introduction of a Regulatory Sandbox, which is a controlled environment for live testing of innovations on a small scale, within a specified period before deployment to the wider market.</p> | <p>(2) La CMA considère que la base pour relever ce défi est l'introduction d'un sandbox réglementaire, qui est un environnement contrôlé pour tester directement des innovations à petite échelle, dans un délai spécifié, avant le déploiement sur le marché plus large.</p> |
| <p>(3) Byongeye kandi, iri koranabuhanga mu by'imari rurimo udushya, rigizwe ahanini n'umubare w'abagitangira ubucuruzi bashishikajwe no gushyira mu bikorwa udushya tujyanye na serivisi z'imari, ariko bakifuza uburyo bwabafasha kugerageza ibyo ibicuruzwa na serivisi byabo mu buryo buboneye mbere y'uko bishyirwa ku isoko.</p> | <p>(3) Furthermore, Fintech ecosystem is dominated by a growing number of start-ups which are keen to implement innovative financial products and services, but are looking for an approach to enable them to test their products and services in an enabling test environment.</p> | <p>(3) De plus, l'écosystème Fintech est dominé par un nombre croissant de start-ups qui souhaitent mettre en œuvre des produits et services financiers innovants, mais qui recherchent une approche leur permettant de tester leurs produits et services dans un environnement de test favorable.</p> |
| <p>(4) CMA ishishikariza kandi ishyigikiye iyimakazwa ry'ikoranabuhanga mu by'imari rurimo udushya; kandi ibona ko uburyo bwiza bwatuma u Rwanda</p> | <p>(4) The CMA encourages and supports the promotion of Fintech innovations, and believes that a key driver to transforming Rwanda into a leading</p> | <p>(4) La CMA encourage et soutient la promotion des innovations de Fintech et estime que l'un des principaux moteurs de la transformation du</p> |

| | | |
|--|---|--|
| <p>ruhinduka igicumbi cy'ishoramari ku rwego mpuzamahanga ari ugushyiraho amategeko aboneye yorohereza ikoreshwa ry'udushya mu ikoranabuhanga.</p> <p>(5) Igerageza ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya ni uburyo bukwiye bw'igenzura kugira ngo hashyigikirwe ndetse hanagenzurwe iterambere ry'ikoranabuhanga mu by'imari rurimo udushya, mu bigendanye n'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda. Ni uburyo bwashyizweho bwo kugenzura no kugerageza imbonankubone udushya mu bicuruzwa na serivisi ku kigero cyangwa intera ntoya no mu gihe runaka.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Intego z'igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari rurimo udushya.</u></p> <p>(1) Urwego rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane rugamije gushyiraho uburyo ngenzuramikorere butuma hakoresha ikoranabuhanga mu by'imari rifite ubushobozi bwo kwihutisha iterambere ry'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda. Intego ni ugushyiraho urubuga rwimakaza</p> | <p>financial destination for global investment is the provision of a regulatory environment that is conducive for innovative use of technology.</p> <p>(5) Regulatory Sandbox is the appropriate regulatory approach in order to support as well as supervise the development of Fintech for securities market in Rwanda. It is a tailored regulatory environment for conducting live tests of innovative products and services on a limited scale and time-bound.</p> <p><u>Article 6: Objectives of the Fintech Regulatory Sandbox</u></p> <p>(1) The Capital Market Authority seeks to provide a regulatory environment that is conducive for the deployment of a variety of Fintech innovations that have the potential to accelerate the capital market development in Rwanda. The objective is to provide a platform that is promoting Fintech</p> | <p>Rwanda en une destination financière de premier plan pour les investissements mondiaux est la mise en place d'un environnement de réglementation propice à une utilisation innovante de la technologie.</p> <p>(5) Le Sandbox réglementaire est l'approche de réglementation appropriée pour soutenir et superviser le développement de la Fintech pour le marché des titres au Rwanda. Il s'agit d'un environnement de réglementation fait pour la réalisation de tests en direct de produits et services innovants, à une échelle limitée et pendant une durée déterminée.</p> <p><u>Article 6: Objectifs du Sandbox réglementaire de Fintech</u></p> <p>(1) L'Autorité des Marchés des Capitaux cherche à fournir un environnement de réglementation propice au déploiement d'une variété d'innovations Fintech susceptibles d'accélérer le développement du marché des capitaux au Rwanda. L'objectif est de fournir une plate-forme qui promeut les</p> |
|--|---|--|

| | | |
|---|--|---|
| <p>udushya twa Fintech kandi ibi bikajyana n'intego yo guhindura u Rwanda igicumbi mpuzamahanga cy'imari aho ikoranabuhanga mu by'imari ririmo udushya kandi ritekanye rikoreshwa mu buryo bwagutse.</p> | <p>innovations and this is in line with the aim to transform Rwanda into a leading international financial centre where innovative and safe technologies will be widely used.</p> | <p>innovations de Fintech et cela se conforme à l'objectif de transformer le Rwanda en un centre financier international de premier plan où les technologies innovantes et sûres seront largement utilisées.</p> |
| <p>(2) Ku bw'ibyo, igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari rigamije gukora nk'uburyo bwo gusuzuma imbonankubone ikoranabuhanga mu by'imari cyane cyane ku bicuruzwa na serivisi byerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane bigakorerwa ahantu hasobanutse neza no mu gihe gikwiye mbere yo kuritangiza ku isoko ryagutse. Impamvu igerageza rigomba kubahiriza igihe ni ukugira ngo hirindwe ko ryatinda ku dushya dushobora kuba twari tutaratunganywa neza cyangwa tukaba tutanakora uko bikwiye, bityo abasaba kwitabira igerageza bagomba kugaragaza neza ko udushya twabo twateguwe neza ku buryo twakwitabira igerageza.</p> | <p>(2) To this end, the Regulatory Sandbox intends to serve as a live testing environment for the viability of capital market related Fintech within a well-defined space and duration prior to launching into the broader market. The reason for testing to be time-bound is to prevent the lasting for long time of innovations that are either underdeveloped or not viable, and therefore applicants must demonstrate that their innovations are ready to be tested.</p> | <p>(2) À cette fin, le Sandbox réglementaire a pour objet de servir d'environnement de test direct pour la viabilité de Fintech liées au marché des capitaux dans un espace et dans une durée bien définis avant de se lancer sur le marché plus large. La raison pour laquelle les tests doivent être limités dans le temps est d'éviter que les innovations qui sont moins développées ou non viables ne prennent pas beaucoup de temps, et les demandeurs doivent donc démontrer que leurs innovations sont prêtes à être testées.</p> |
| <p>(3) Igerageza kandi rigamije gushyiraho uburyo bw'ibiganiro bihora hagati ya CMA, abahanga udushya ndetse n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo</p> | <p>(3) The Regulatory Sandbox is also intended to provide an avenue for regulatory engagement and enable active dialogue between the CMA,</p> | <p>(3) Le Sandbox réglementaire vise également à fournir une voie d'engagement réglementaire et à permettre un dialogue actif entre la</p> |

| | | |
|---|--|--|
| <p>bungurane ubumenyi. Uku kungurana ibitekerezo, bifasha gusobanukirwa niba amategeko asanzweho yavugururwa cyangwa gushyiraho amabwiriza mashya ajyanye n'ibicuruzwa cyangwa serivisi birimo uduhya byatsinze mu. Igerageza</p> <p>(4) Binyuze mu igerageza, CMA igamije gukora ku buryo abashoramari barengerwa mu buryo bukwiriye mu gihe cy'igerageza ry'iri koranabuhanga mu by'imari kugira ngo hakumirwe ingorane izo ari zo zose kandi hirindwe ingaruka mu gihe bitakunze.</p> <p>(5) Iri gerageza ntirireba ibicuruzwa na serivisi bisanzwe bigengwa n'amategeko asanzweho.</p> <p>(6) Kwitabira igerageza bishingira ku busabe no kwemererwa na CMA kandi ntibitanga uburenganzira bwihariye bwo guhita ukorera ku isoko ryagutse nyuma yo gusoza gahunda y'igerageza mu gihe CMA itaratanga ubwo burenganzira.</p> | <p>innovators as well as other market stakeholders for mutual learning. This provides a base for review of the current regulatory obligation or establish new regulations pertaining to the particular innovative products or services that are successful from the sandbox.</p> <p>(4) Through Regulatory Sandbox, the CMA seek to ensure appropriate investor protection safeguards in Fintech innovations to mitigate any risks and contain the consequences of failure.</p> <p>(5) The Regulatory Sandbox is not suitable for the products and services that are already addressed under existing regulatory framework.</p> <p>(6) Participation in the regulatory sandbox is based on application and approval by the CMA and does not guarantee any special status to operate in the market place after completion of the testing program without further approval by the CMA.</p> | <p>CMA, les innovateurs ainsi que d'autres parties prenantes du marché pour un apprentissage mutuel. Cela fournit une base pour l'examen de l'obligation de réglementation actuelle ou pour établir de nouvelles réglementations relatives aux produits ou services innovants particuliers qui réussissent à partir du sandbox.</p> <p>(4) Par le biais de Sandbox réglementaire, la CMA cherche à garantir des sauvegardes de protection des investisseurs appropriées dans les innovations de Fintech afin d'atténuer les risques et de contenir les conséquences d'un échec.</p> <p>(5) Le Sandbox réglementaire n'est pas adapté aux produits et services qui sont déjà couverts par le cadre de réglementation existant.</p> <p>(6) La participation au sandbox réglementaire est basée sur la demande et l'approbation de la CMA et ne garantit aucun statut spécial pour opérer sur le marché après l'achèvement du programme de test sans autre approbation de la CMA.</p> |
|---|--|--|

| Ingingo ya 7: Inyungu z'Igerageza ry'ikoranabuhanga mu by'imari | Article 7: Fintech Regulatory Sandbox benefits. | Article 7: Avantages de le sandbox réglementaire de Fintech |
|--|--|---|
| <p>(1) Igerageza rizanira inyungu CMA n'abahanga udushya mu ikoranabuhanga mu by'imari binyuze mu kungurana ubumenyi no kugira imikoranire ya bugufi. CMA yizera ko igerageza rizafasha abahanga udushya gusobanukirwa amategeko agenga ibicuruzwa, serivisi byerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane.</p> | <p>(1) Regulatory sandbox benefits both the CMA and innovators through mutual learning and engagement. The CMA believes that the sandbox will help innovators to reduce regulatory uncertainty for new products, services and business models.</p> | <p>(1) Le Sandbox réglementaire est avantageux, à la fois, à la CMA et aux innovateurs grâce à l'apprentissage et à l'engagement mutuels. La CMA estime que le Sandbox aide les innovateurs à réduire l'incertitude de réglementation pour les nouveaux produits, services et modèles commerciaux.</p> |
| <p>(2) Igerageza rizafasha kandi kuzamura/ubumenyi bwa CMA mu bijyanye n'ibicuruzwa, serivisi n'ubucuruzi bikoresha ikoranabuhanga mu by'imari no kumenyesha gahunda yo gushyiraho amabwiriza mashya cyangwa kuvugurura amabwiriza asanzweho, ariko byose bikaba bigamije kwimakaza udushya mu ikoranabuhanga mu by'imari, kandi nanone hatirengagijwe intego nyamukuru yo kurengera abashoramari.</p> | <p>(2) The sandbox will as well promote the CMA's understanding of FinTech products, services and business models and inform the framing of new regulations or amendment of existing regulations that foster innovation while maintaining allegiance to regulatory objectives.</p> | <p>(2) Le sandbox favorise également la compréhension de la CMA à propos des produits, services et modèles commerciaux Fintech et éclairera l'élaboration de nouveaux règlements ou la modification de règlements existants qui favorisent l'innovation tout en maintenant l'allégeance aux objectifs réglementaires.</p> |
| <p>(3) Hanyuma, izagirira inyungu abashoramari kuko bazajya bashora imari yabo mu bicuruzwa na serivisi byizewe kandi basobanukiwe no kutayobywa n'abatekamutwe</p> | <p>(3) Finally, it will benefit the investors to invest in secure products and services that they already know, and not to be fooled into scams like Ponzi schemes and the like.</p> | <p>(3) Enfin, il est avantageux pour les investisseurs d'investir dans des produits et services sécurisés qu'ils connaissent déjà, et de ne pas se laisser bernier par des escroqueries comme les</p> |

| | | |
|--|--|---|
| <p>nk'ubushukanyi bwa gahunda za Ponzi n'izindi zimeze kimwe nkazo.</p> <p>UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'IGERAGEZA RY'IKORANABUHANGA MU BY'IMARI</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ibishingirwaho mu kwemererwa</u></p> <p>(1) Iyi ngingo kigaragaza iby'ingenzi bishingirwaho mu kwemererwa bizifashishwa na CMA mu gusuzuma ubusabe usaba kwitabira igerageza yayishyikirije. Abasaba kwitabira igerageza bashobora gusaba kwitabira igerageza igihe icyo ari cyo cyose. CMA isuzuma ubusabe ikurikije uko yabwakiriye.</p> <p>(2) Usaba agomba kuba afite isosiyete yanditse mu Rwanda cyangwa ifite uruhushya yahawe n'urwego rw'ubugenzuzi bw'isoko ry'imari n'imigabane mu bindi bihugu, kandi agomba kugaragaza niba isosiyete igitangira cyangwa isanzwe ikora, maze agatanga:</p> <p>(a) Kopi mpamo z'ibyangombwa byo kwiyandikisha;</p> | <p>CHAPTER III: OPERATIONALIZATION OF FINTECH REGULATORY SANDBOX</p> <p><u>Article 8: Eligibility Criteria</u></p> <p>(1) This article outlines the main eligibility criteria which will be used by the CMA to assess the application submitted by the applicant. Applicants may apply to participate in the Regulatory Sandbox at any time. The CMA shall review the application on a rolling basis.</p> <p>(2) The applicant should have its company incorporated in Rwanda or is licensed by securities market regulator in an equivalent jurisdiction, and should indicate if it's a start up or incumbent and should submit:</p> <p>(a) Certified copies of all registration documents;</p> | <p>stratagèmes de Ponzi et autres.</p> <p>CHAPITRE III : L'OPÉRATIONNALISATION DU SANDBOX RÉGLEMENTAIRE DE FINTECH</p> <p><u>Article 8 : Critères d'admissibilité</u></p> <p>(1) Cet article décrit les principaux critères d'admissibilité qui sont utilisés par la CMA pour évaluer la demande soumise par le demandeur. À tout moment, les demandeurs peuvent demander à participer au Sandbox. La CMA examine la demande au fur et à mesure de la soumission.</p> <p>(2) Le demandeur doit avoir sa société constituée au Rwanda ou être agréé par l'autorité de réglementation du marché des titres dans une juridiction équivalente, et doit indiquer s'il s'agit d'une start-up ou d'un opérateur historique et doit soumettre :</p> <p>(a) Copies certifiées conformes de tous les documents d'enregistrement ;</p> |
|--|--|---|

| | | |
|---|--|---|
| <p>(b) Urutonde mpamo rw'abayobozi bakuru n'abanyamigabane, niba isosiyete ibafite;</p> <p>(c) Imyirondoro irambuye y'abashinze isosiyete n'abayobozi b'ingenzi bayo;</p> <p>(d) Ifishi y'ubusabe yujwe neza nk'uko igaragara ku Mugereka wa A ikubiyemo amakuru y'ingenzi ashyigikira ubusabe.</p> <p>(3) Usaba agomba gutanga imbata y'imiterere y'ubucuruzi bw'ibicuruzwa cyangwa serivisi ikubiyemo:</p> <p>(a) Igice yibandaho mu bigendanye n'isoko ry'imari n'imigabane, n'imiterere y'ibicuruzwa bye cyangwa service birimo udushya tw'ikoranabuhanga mu by'imari. Igice yibandaho bishobora kuba:</p> <p>(i) Gukusanya amafaranga agendanye n'ishoramari (gukusanya amafaranga aho uyatanze aba umunyamigabane, gukusanya amafaranga binyuze mu myenda, ku bicuruzwa bikomoka ku bindi, gutanga inyandiko z'agaciro ndetse n'ubundi buryo butandukanye bwo</p> | <p>(b) Certified list of directors and shareholders, if applicable;</p> <p>(c) CVs for all founders and key management personnel;</p> <p>(d) Complete application form as set out in the Annex A that contain the necessary supporting information.</p> <p>(3) The applicant should submit an outline of the proposed product or service which includes:</p> <p>(a) The area of focus in the capital markets business and the business model of the proposed Fintech innovation. The area of focus may include:</p> <p>(i) Capital raising (equity crowdfunding, debt-based crowdfunding, derivatives, security token offering, and any other investment instrument-based crowdfunding);</p> | <p>(b) Liste certifiée des administrateurs et actionnaires, le cas échéant ;</p> <p>(c) CV de tous les fondateurs et des principaux dirigeants ;</p> <p>(d) Le formulaire de demande complet tel qu'indiqué à l'Annexe A qui contient les informations justificatives nécessaires.</p> <p>(3) Le demandeur doit soumettre un aperçu du produit ou du service qui comprend :</p> <p>(a) Le domaine d'intérêt dans les marchés des capitaux, et le modèle commercial de l'innovation de Fintech. Le domaine d'intérêt peut comprendre :</p> <p>(i) Collecte de capitaux (financement participatif par actions, financement participatif basé sur l'emprunt, produits dérivés, offre de jetons de titres et tout autre financement participatif basé sur des instruments d'investissement) ;</p> |
|---|--|---|

| | | |
|--|---|---|
| <p>gukusanya amafaranga agamije ishoramari;</p> <p>(ii) Ubuhuza, ubucuruzi no kwishyurana ku isoko ry'imari n'imigabane, kugurizanya ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane n'ibindi;</p> <p>(iii) Ibicuruzwa bikomoka ku bindi;</p> <p>(iv) Ubujyanama mu ishoramari, ubwizigame n'imirungire y'ishoramari hibandwa ku buryo butandukanye bw'ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe, n'ibindi;</p> <p>(v) Isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze;</p> <p>(vi) Ikoranabuhanga ngenzuramikorere rirebana n'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane, imirungire y'ishoramari n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze;</p> <p>(vii) N'ubundi bwoko bw'ubucuruzi bwerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane, imirungire y'ishoramari n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze.</p> | <p>(ii) Brokerage, trading and settlement of securities, securities lending, etc.;</p> <p>(iii) Structured products and derivatives;</p> <p>(iv) Investment advisory, saving and investment management focusing on various options of Collective Investment Schemes, Alternative Investment Funds, etc.;</p> <p>(v) Commodity exchange;</p> <p>(vi) RegTech and Suptech solutions related to capital markets, investment management and commodity exchange;</p> <p>(vii) Any other business model related to capital markets, investment management and commodity exchange;</p> | <p>(ii) Courtage, faire du commerce et règlement de titres, prêt de titres, etc.;</p> <p>(iii) Produits structurés et dérivés</p> <p>(iv) Conseil en investissement, épargne et gestion d'investissement en mettant l'accent sur diverses options de fonds d'investissement collectif, de fonds d'investissement alternatifs, etc;</p> <p>(v) Marché des produits de base ;</p> <p>(vi) Les solutions RegTech et Suptech liées aux marchés des capitaux, à la gestion des investissements et à la marché des produits de base ;</p> <p>(vii) Tout autre modèle commercial lié aux marchés des capitaux, à la gestion des investissements et à la marché des produits de base.</p> |
|--|---|---|

| | | |
|--|---|---|
| <p>(b) Ikibazo kigomba gukemurwa n'icyo gicuruzwa cyangwa serivisi ashaka gutanga ndetse n'inyungu bizanira abashoramari n'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;</p> | <p>(b) The problem being addressed by the proposed product or service and potential benefits for investors and capital market industry in Rwanda;</p> | <p>(b) Le problème traité par le produit ou service proposé et les avantages potentiels pour les investisseurs et l'industrie du marché des capitaux au Rwanda ;</p> |
| <p>(c) Kugaragaza neza ko igicuruzwa cyangwa serivisi 'bikoranye udushya mu ikoranabuhanga, ari bishya cyangwa bikoresha ikoranabuhanga risanzwe rikoresha ku isoko ry'imari n'imigabane, ariko ubu rikaba rifite umwihariko w'udushya twongera agaciro mu buryo bufatika;</p> | <p>(c) Identification that the proposed innovative product or service is new or uses existing technology at the capital markets in an innovative way that add significant value;</p> | <p>(c) Identification prouvant que le produit ou service innovant proposé est nouveau ou utilise la technologie existante sur les marchés financiers d'une manière innovante qui ajoute une valeur significative ;</p> |
| <p>(d) Igihamba cy'uko igicuruzwa cyangwa serivisi biboneye kandi byuzuye mu buryo buhagije ku buryo byajya mu igerageza, ndetse hakagaragazwa n'ingamba zo kurengera inyungu z'abashoramari kimwe n'abandi bagira uruhare mu isoko ry'imari n'imigabane mu gihe igerageza ritagenze neza;</p> | <p>(d) Evidence that the product or service is sufficiently viable and mature to be tested in a live testing, including measures to protect the interests of investors and other capital market participants if the test fails;</p> | <p>(d) Preuve que le produit ou service est suffisamment viable et mature pour être testé lors d'un test en direct, y compris des mesures pour protéger les intérêts des investisseurs et des autres acteurs du marché des capitaux si le test échoue ;</p> |
| <p>(e) Igenzura ry'ingorane zishobora kugaragara mu gihe cy'igerageza ry'igicuruzwa cyangwa serivisi;</p> | <p>(e) Assessment of significant risks arising from Regulatory Sandbox testing of the proposed product or service;</p> | <p>(e) Évaluation des risques importants découlant des tests réglementaires Sandbox du produit ou service proposé;</p> |
| <p>(f) Gahunda y'uburyo bw'imicungire y'ingorane hamwe n'ingamba zikwiriye</p> | <p>(f) Proposed risk management framework with appropriate safeguards and risk</p> | <p>(f) Cadre de gestion des risques proposé avec des garanties appropriées et des</p> |

| | | |
|--|--|---|
| <p>zo kuzikumira kugira ngo hirindwe ibyakwangiriza abashoramari, abitabira isoko ry'imari n'imigabane cyangwa se urwego rw'isoko ry'imari n'imigabane muri rusange;</p> <p>(g) Gusobanura neza uburyo igerageza riteguye hibandwa ku kigambiriwe kugerwaho ndetse n'ibyitezwe kuva mu igerageza.</p> <p>(4) Usaba anatanga kandi ingamba zo gusoza igerageza, zikubiyemo:</p> <p>(a) Gahunda yumvikana neza yo kuva mu igerageza n'uburyo bwo guha indishyi abashoramari mu gihe ibicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya byari biri mu igerageza bitashoje neza ku buryo bidashobora kwemererwa gukomeza;</p> <p>(b) Gahunda iteganyijwe yo gushyira ku isoko ryagutse ryo mu Rwanda ibicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya byarangije neza igerageza.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Gahunda y'igerageza</u></p> <p>Usaba ashyikiriza CMA gahunda y'igerageza ikubiyemo amakuru yerekeye:</p> | <p>mitigation strategies to contain potential harm to investors, market participants or capital market industry at large;</p> <p>(g) Clearly defined test scenarios and expected outcomes of the sandbox experimentation.</p> <p>(4) The applicant shall also submit a proposed exit strategy that include:</p> <p>(a) A clear transition plan and mechanism for compensation of investors in the event that the proposed innovative product or service has to be discontinued;</p> <p>(b) Proposal for deploying the innovative product or service on a broader scale in Rwanda after successfully exiting from the Regulatory Sandbox.</p> <p><u>Article 9: Testing plan</u></p> <p>An applicant shall submit to the CMA a test plan with information on:</p> | <p>stratégies d'atténuation des risques pour contenir les dommages potentiels aux investisseurs, aux participants au marché ou au secteur du marché des capitaux dans son ensemble ;</p> <p>(g) Scénarios de test clairement définis et résultats attendus de l'expérimentation en sandbox.</p> <p>(4) Le demandeur doit également soumettre une proposition de stratégie de sortie comprenant :</p> <p>(a) Un plan de transition clair et un mécanisme de compensation des investisseurs dans le cas où le produit ou service innovant proposé doit être abandonné ;</p> <p>(b) Proposition de déploiement du produit ou service innovant à plus grande échelle au Rwanda après avoir réussi à sortir du Sandbox réglementaire.</p> <p><u>Article 9 : Plan de test</u></p> <p>Un demandeur doit soumettre à la CMA un plan d'essai contenant des informations sur :</p> |
|--|--|---|

| | | |
|--|--|---|
| <p>(1) Intego zumvikana neza z'igerageza harimo ibibazo runaka umuntu ashobora kwibaza mbere y'igerageza cyangwa ibishobora kubaho byihariye bigomba kugeragezwa;</p> <p>(2) Imbago n'ibipimo by'igerageza (Urugero: Umubare w'abashoramari bakenewe mu igerageza, ubwoko by'abashoramari, isoko rizakorerwaho igerageza, ingano y'amafaranga akenewe gukusanywa mu gihe cy'igerageza, n'inshuro ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa, n'ibindi) ndetse n'ibizagenderwaho kugira ngo igerageza rirangire neza;</p> <p>(3) Kuba ibicuruzwa cyangwa serivisi zirimo udushya biteguye neza ku buryo byakwitabira igerageza, n'ibikenewe byose mu gushyigikira igerageza;</p> <p>(4) Uburyo bw'igerageza bukoreshwa n'igihe igerageza rizamara;</p> <p>(5) Raporo z'ingenzi zigomba gutangwa uko igerageza rigenda rikorwa hashingiwe kuri gahunda yemeranyijwe mu gihe cy'igerageza n'uburyo bwo gutangaza ibyavuyemo;</p> | <p>(1) Clear test objectives including the specific regulatory questions or hypotheses to be tested in the Regulatory Sandbox;</p> <p>(2) Scope and testing parameters (e.g., number of investors, kind of investors, test market, aggregate value, frequency of transactions, etc.) and success criteria;</p> <p>(3) Testing readiness of the innovations, and necessary resources to support testing in the sandbox;</p> <p>(4) Testing methodologies and proposed testing period;</p> <p>(5) Relevant reports to be submitted on the test progress based on agreed schedule during the testing period, and feedback mechanisms;</p> | <p>(1) Objectifs de test clairs, y compris les questions ou hypothèses spécifiques sur la réglementation à tester dans le Sandbox réglementaire ;</p> <p>(2) Champ d'application et paramètres de test (par exemple, nombre d'investisseurs, type d'investisseurs, marché de test, valeur globale, fréquence des transactions, etc.) et critères de réussite ;</p> <p>(3) État de préparation au test des innovations et les ressources nécessaires pour prendre en charge les tests dans le sandbox;</p> <p>(4) Méthodologies de test et période de test proposée ;</p> <p>(5) Des rapports pertinents à soumettre sur l'avancement des tests en fonction du calendrier convenu pendant la période de test et des mécanismes de rétroaction;</p> |
|--|--|---|

| | | |
|--|--|---|
| <p>(6) N'Amabwiriza arengera kimwe n'ingamba zo gukemura ibibazo.</p> <p>Ingingo ya 10: Uburyo bwo gusaba no kwemererwa</p> <p>Uburyo bwo gusaba no kwemererwa bigabanyijemo ibyiciro bitatu, aribyo: Icyiciro cyo gusaba, Icyiciro cyo gusuzuma ubusabe n'Icyiciro cy'igerageza nyirizina:</p> <p>(1) Ku cyiciro cyo gusaba, CMA isuzuma ubusabe maze ikamenyesha usaba, mu gihe cy'iminsi 15 y'akazi ibarwa uhereye ku itariki CMA yakiriye amakuru yuzuze akenerwa kugira ngo ubusabe busuzumwe, ibyo agomba kuzuzura kugira ngo yitabire igerageza;</p> <p>(2) Ku cyiciro cyo gusuzuma ubusabe, igihe gisabwa ngo ubusabe bube bwamaze gusuzumwa giterwa n'uko bwuzuye, urusobe rw'ibikubiyemo, ndetse n'ibisabwa by'ubugenzuzi n'amategeko byihariye birebana. Bitewe n'ibisobanuro by'ukuntu igerageza rikora, usaba yemerewe kugira ibyo ahindura mu busabe bwe (urugero: kugaragaza neza imbago ntarengwa) nyuma yo kungurana ibitekerezo na CMA, maze akongera akabutanga:</p> | <p>(6) Safeguards and remediation measures.</p> <p>Article 10: Application and approval process</p> <p>The application and approval process is divided into three phases, which are Application Stage, Evaluation Stage and Experimentation Stage:</p> <p>(1) At the Application Stage, CMA shall review the application and endeavour to inform the applicant of its potential suitability for a sandbox within 15 working days, after CMA receives a complete set of information necessary for the assessment;</p> <p>(2) At the Evaluation Stage, the time required to fully assess the application depends on its completeness and complexity, and the specific legal and regulatory requirements involved. Due to the explanatory of the sandbox approach, the applicant is allowed to make adjustments to the application for resubmission (for example, refining the boundary conditions) after discussing with CMA:</p> | <p>(6) Mesures de sauvegarde et de remédiation.</p> <p>Article 10 : Processus de demande et d'approbation</p> <p>Le processus de demande et d'approbation est divisé en trois phases, à savoir : l'étape de demande, l'étape d'évaluation et l'étape d'expérimentation :</p> <p>(1) À l'étape de la demande, la CMA doit examiner la demande et s'engager à informer le demandeur de son aptitude potentielle au sandbox dans les 15 jours ouvrables, après que la CMA a reçu un ensemble complet d'informations nécessaires à l'évaluation ;</p> <p>(2) À l'étape d'évaluation, le temps requis pour évaluer pleinement la demande dépend de son exhaustivité et de sa complexité, ainsi que des exigences légales et réglementaires spécifiques en cause. En raison de l'explication de l'approche de sandbox, le demandeur est autorisé à apporter des ajustements à la demande de resoumissions (par exemple, affiner les conditions limites) après en avoir discuté avec la CMA :</p> |
|--|--|---|

| | | |
|--|---|--|
| <p>(a) Usaba amenyeshwa mu nyandiko niba igicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya bizakomeza mu igerageza;</p> | <p>(a) The applicant will be informed in writing whether to proceed with the sandbox;</p> | <p>(a) Le demandeur est informé par écrit si son produit ou service sera objet du sandbox ;</p> |
| <p>(b) Usaba amenyeshwa kandi mu nyandiko niba ubusabe bwe butemewe. Impamvu zo kutemererwa zishobora gushingira ku kutubahiriza intego z'igerageza cyangwa ku kutuzuzwa bimwe mu bishingirwaho kugira ngo usaba yemererwe. Usaba ashobora kongera gusaba kwitabira igerageza igihe yiteguye kubahiriza intego z'igerageza ndetse n'ibisabwa kuzuzwa n'ibishingirwaho kugira ngo yitabire igerageza;</p> | <p>(b) The applicant will also be informed if the application is rejected. The reason for rejection could include the failure to meet the objectives of the sandbox or only any of the eligibility criteria. The applicant may re-apply for the sandbox when is ready to meet the objectives and eligibility criteria of the sandbox;</p> | <p>(b) Le demandeur est également informé si la demande est rejetée. La raison du rejet peut inclure le non-respect des objectifs du sandbox ou seulement de l'un des critères d'admissibilité. Le demandeur peut présenter une nouvelle demande pour participer au sandbox lorsqu'il est prêt à répondre aux objectifs et aux critères d'admissibilité du sandbox ;</p> |
| <p>(3) Iyo ubusabe bumaze gusuzumwa no kwemerwa, igerageza nyirizina riratangira. Ikigo cyitabiriye igerageza kimenyesha abashoramari bacyo ko igicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya, bimaze gutangira igerageza ndetse kikanabamenyesha ingorane z'ingenzi zishoboka zirebana n'ibyo bicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya turi mu igerageza:</p> | <p>(3) Upon approval of the application, the sandbox is launched into the Experimentation Stage. The sandbox entity shall notify its investors that the proposed innovative product or service is operating in a sandbox and disclose key risks associated with the innovation:</p> | <p>(3) Une fois la demande approuvée, le sandbox est lancé dans la phase d'expérimentation. L'entité du sandbox informe ses investisseurs que le produit ou service innovant proposé fonctionne dans un sandbox et divulguer les principaux risques associés à l'innovation :</p> |
| <p>(a) Ikigo mu byitabiriye igerageza kandi kinasabwa kugaragaza ko abashoramari basomye kandi bagasobanukirwa neza izo ngorane;</p> | <p>(a) The sandbox entity is also required to obtain the investors acknowledgement that they have read and understood the risks;</p> | <p>(a) L'entité du sandbox est également tenue d'obtenir la reconnaissance que les investisseurs ont lu et compris les risques;</p> |

| | | |
|---|--|--|
| <p>(b) Mu gihe Ikigo mu byitabiriye igerageza cyifuza kugira icyo gihindura ku dushya turi gukorerwa isuzuma mu gihe cy'isuzuma nyirizina kigomba kubisaba CMA byibura mbere y'ukwezi kumwe kandi kigatanga amakuru arambuye yerekeye impinduka gishaka gukora n'impamvu zazo ("ubusabe bwo kugira ibyo uhindura "). Ikigo mu byitabiriye igerageza gishobora gukomeza imirimo y'igerageza mu gihe CMA isuzuma ubusabe bw'ibisabirwa guhindurwa maze ikamenyesha icyo kigo umwanzuro wayo;</p> <p>(c) Igihe cy'igerageza cyumvikanwaho na CMA hamwe n'ikigo cyitabiriye igerageza. Ariko icyo gihe cy'igerageza ntikigomba kurenza amezi cumi n'abiri (12) keretse iyo igerageza ry'ibyo bicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya ryagenze neza byasuzumwe gusa bikagaragara ko hakwiye kongerwaho igihe kugira ngo hakemurwe ibibazo bike cyangwa se ingorane byagiye bigaragara mu gihe cy'igerageza. Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenza amezi atandatu;</p> <p>(d) Ku bwo gukorera mu mucyo no</p> | <p>(b) In the event that the sandbox entity intends to make material changes to the innovation under experimentation during the Experimentation Stage, the sandbox entity should apply to the CMA at least 1 month in advance and provide details of the changes with reasons (the “change requests”). The sandbox entity can continue experimenting with the existing solution while the CMA reviews the change requests and inform the sandbox entity of its decision;</p> <p>(c) The initial testing period shall be determined through consultation between the CMA and the Participant. The testing period shall not exceed twelve months unless the Fintech innovative product or service has successfully tested and it can be demonstrated that extending testing is necessary to respond to specific issues or risks identified during initial testing. Any extension shall not exceed a further six months;</p> <p>(d) For the purpose of transparency and</p> | <p>(b) Dans le cas où l'entité du sandbox a l'intention d'apporter des modifications importantes à l'innovation en cours d'expérimentation au cours de la phase d'expérimentation, l'entité du sandbox doit en faire la demande au CMA au moins un (1) mois à l'avance et fournir des détails sur les modifications avec les raisons (les « demandes de modification »). L'entité du sandbox peut continuer à expérimenter la solution existante pendant que la CMA examine les demandes de modification et informe l'entité du sandbox de sa décision;</p> <p>(c) La période initiale du plan d'essai sera déterminée par consultation entre la CMA et le participant. La période de test ne dépasse pas douze mois, à moins que le test du produit ou service innovant de Fintech a été réussi et qu'il puisse être démontré qu'une extension des tests est nécessaire pour répondre à quelques problèmes ou risques spécifiques identifiés lors des tests initiaux. Toute prolongation ne doit pas excéder six mois supplémentaires ;</p> <p>(d) À des fins de transparence et de</p> |
|---|--|--|

| | | |
|---|--|--|
| <p>kumenyesha abakiliya amakuru, CMA itangaza ku rubuga rwa interineti rwayo amakuru yerekeye ubusabe bwose bw'igicuruzwa cyangwa serivisi yemerewe kujyanwa mu igerageza nk'amazina y'usaba, n'igihe isuzuma nyirizina rizatangirira rikanarangirira.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Gusozwa igerageza</u></p> <p>Iyo igihe cy'igerageza kirangiye, uwitabiriye ava mu igerageza agendeye ku ngamba zashyizweho zijyanye no gusozwa igerageza maze CMA igafata imyanzuro ikurikira:</p> <p>(1) Ikigo mu byitabiriye igerageza cyemererwa gukomeza no gushyira ibicuruzwa byacyo cyangwa serivisi birimo udushya ku isoko ryagutse mu Rwanda mu gihe:</p> <p>(a) CMA n'ikigo mu byitabiriye Igerageza byanyuzwe no kuba igerageza ryaragenze neza kandi rikaba ryarageze kucyo ryari rigamije; ndetse</p> <p>(b) Ikigo mu byitabiriye igerageza kikaba gishobora gukurikiza ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza mu buryo bwuzuye; cyangwa se</p> | <p>provision of information to customers, relevant information of all approved sandbox applications such as the name of the applicant, and the start and expiry dates of the sandbox experimentation, will be published on CMA website.</p> <p><u>Article 11: Completion of testing in the Sandbox</u></p> <p>Upon the completion of testing period, the participant will exit the Sandbox guided by the exit strategy and the CMA will make the following decisions:</p> <p>(1) The sandbox entity will be approved to proceed and deploy the innovative product or service under experimentation on a broader scale in Rwanda provided that:</p> <p>(a) Both the CMA and the sandbox entity are satisfied that the sandbox has achieved its intended test outcomes; and</p> <p>(b) The sandbox entity can fully comply with the legal and regulatory requirements; or</p> | <p>fourniture d'informations aux clients, les informations pertinentes de toutes les applications sandbox approuvées, telles que le nom du demandeur et les dates de début et d'expiration de l'expérimentation de sandbox, sont publiées sur le site Web de CMA.</p> <p><u>Article 11: Réalisation des tests dans le Sandbox</u></p> <p>À la fin de la période de test, le participant quitte le sandbox guidé par la stratégie de sortie et la CMA prend les décisions suivantes:</p> <p>(1) L'entité du sandbox est approuvée pour procéder et déployer le produit ou service innovant en cours d'expérimentation à plus grande échelle au Rwanda à condition que :</p> <p>(a) La CMA et l'entité du sandbox sont convaincus que le sandbox a atteint les résultats de test prévus ; et</p> <p>(b) L'entité du sandbox peut se conformer pleinement aux exigences légales et réglementaires ; ou alors</p> |
|---|--|--|

| | | |
|--|---|---|
| <p>(c) Aho bishoboka, kubahiriza amabwiriza akubiye mu rwandiko rutanga uburenganzira;</p> | <p>(c) Comply with the terms of a letter of no objection where applicable;</p> | <p>(c) Se conformer aux termes d'une lettre de non-objection, le cas échéant ;</p> |
| <p>(d) Gutegura amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bishya cyangwa kuvugurura amabwiriza asanzwe ariho igihe ibicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya byashoje neza igerageza ariko bikaba bitagengwa na yo n'amategeko yari asanzweho;</p> | <p>(d) Adopt new regulations, guidelines or review and make necessary reform to existing regulatory framework, if the successful innovative products or services are not addressed under existing legal and regulatory framework;</p> | <p>(d) Adopter de nouveaux règlements, directives ou réviser et apporter les réformes nécessaires au cadre réglementaire existant, si les produits ou services innovants réussis ne sont pas pris en compte dans le cadre juridique et réglementaire existant ;</p> |
| <p>(2) Ikigo mu byitabiriye igerageza ntikizemererwa gukomeza ngo gishyire ibicuruzwa cyangwa serivisi byacyo birimo udushya ku isoko ryagutse mu gihe:</p> | <p>(2) The sandbox entity will be discontinued when:</p> | <p>(2) L'entité du sandbox est abandonnée lorsque :</p> |
| <p>(a) CMA itanyuzwe n'ibyavuye mu igerageza, bisobanuye ko igerageza ritageze ku ntego zari zigamijwe, hashingiwe ku byagombaga gukorwa mu igerageza, ibyari byitezwe kuvamo n'igihe nk'uko byari byemeranyijweho hagati ya CMA n'Ikigo mu byitabiriye igerageza;</p> | <p>(a) The CMA is not satisfied that the sandbox has achieved its intended purpose, based on the latest test scenarios, expected outcomes and schedules mutually agreed with the sandbox entity;</p> | <p>(a) La CMA n'est pas convaincu que le sandbox a atteint son objectif, sur la base des derniers scénarios de test, des résultats attendus et des calendriers mutuellement convenus avec l'entité du sandbox;</p> |
| <p>(b) Ikigo mu byitabiriye igerageza kitabashije gukurikiza mu buryo bwuzuye ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza nyuma yo gusozza igerageza. Iyo byari byitezwe ko ibi</p> | <p>(b) The sandbox entity is unable to fully comply with the relevant legal and regulatory requirements at the end of the sandbox period. If such a situation is anticipated, the sandbox entity is</p> | <p>(b) L'entité du sandbox n'est pas en mesure de se conformer pleinement aux exigences légales et réglementaires pertinentes à la fin de la période sandbox. Si une telle situation est</p> |

| | | |
|---|--|---|
| <p>bizabaho, Ikigo mu byitabiriye igerageza gishishikarizwa kubimenyesha CMA hakiri kare;</p> | <p>encouraged to engage the CMA earlier;</p> | <p>anticipée, l'entité du sandbox est encouragée à informer la CMA plus tôt;</p> |
| <p>(c) Hagaragaye inenge mu bicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya mu gihe cy'igerageza nyirizina, kandi bikagaragara ko ingorane byateza ku bashoramari cyangwa ku rwego rw'imari muri rusange ari nyishi kuruta inyungu ndetse n'icyo kigo cyitabiriye igerageza kikemera ko iyo nenge idashobora gukosorwa muri icyo gihe cy'igerageza;</p> | <p>(c) A flaw has been discovered in the innovative product or service under experimentation where the risks posed to investors or financial system outweigh the benefits of the innovations under experimentation, and the sandbox entity acknowledges that the flaw cannot be resolved within the duration of the sandbox;</p> | <p>(c) Une faille a été découverte dans le produit ou service innovant en cours d'expérimentation où les risques posés aux investisseurs ou au système financier l'emportent sur les avantages des innovations en cours d'expérimentation, et l'entité du sandbox reconnaît que la faille ne peut pas être résolue pendant la durée du sandbox;</p> |
| <p>(d) CMA ihagaritse igerageza bitewe n'impamvu runaka nko kuba ikigo cyitabiriye igerageza cyarenga ku byo cyasabwe mu gihe cy'igerageza; cyangwa</p> | <p>(d) The CMA terminated the sandbox due to the reasons such as the sandbox entity breaching any condition imposed for the duration of the sandbox; or</p> | <p>(d) La CMA a mis fin au sandbox pour des raisons telles que la violation par l'entité du sandbox de toute condition imposée pendant la durée du sandbox ; ou</p> |
| <p>(e) Ikigo cyitabiriye igerageza cyamenyesheje CMA umwanzuro wacyo wo kuva mu igerageza ku bushake bwacyo;</p> | <p>(e) The sandbox entity has informed the CMA of its decision to exit the sandbox at its own decision;</p> | <p>(e) L'entité du sandbox a informé la CMA de sa décision de quitter le sandbox de sa propre décision ;</p> |
| <p>(3) Kigendeye ku ngamba zigendanye n'uburyo igerageza risozwa, ikigo mu byitabiriye igerageza, mbere y'uko kirisoza kigomba gukemura cyangwa kuzuzwa ibyo kigomba abakiliya bacyo ku bicuruzwa cyangwa serivisi birimo udushya biri mu igerageza;</p> | <p>(3) Guided by the exit strategy; sandbox entity should ensure that any existing obligation to its customers of the innovative product or service under experimentation must be fully fulfilled or addressed before exiting the sandbox or discontinuing the sandbox;</p> | <p>(3) Guidé par la stratégie de sortie, L'entité du sandbox doit s'assurer que toute obligation existante vis-à-vis de ses clients du produit ou service innovant en cours d'expérimentation doit être entièrement remplie ou traitée avant de quitter le sandbox ou d'abandonner le sandbox;</p> |

| | | |
|--|---|---|
| <p>(4) Mu gihe Ikigo mu byitabiriye igerageza gisabye kongererwa igihe cyo kwitabira igerageza, kigomba kubisaba CMA byibura ukwezi kumwe mbere y’uko igihe cy’igerageza kirangira, kandi kigomba gutanga impamvu zishyigikira ubwo busabe bwo kongererwa igihe. CMA isuzuma ubusabe maze kwemererwa bigashingira ku mpamvu zatanze.</p> | <p>(4) In the events that the sandbox entity requires an extension of the sandbox period, the sandbox entity should apply to the CMA at least one month before the expiration of the sandbox test period, and provide reasons to support the application for extension. The CMA will review the application and approval will be granted on a case-by-case basis.</p> | <p>(4) Dans les cas où l'entité du sandbox nécessite une prolongation de la période sandbox, l'entité du sandbox doit s'adresser au CMA au moins un mois avant l'expiration de la période de test sandbox et fournir des raisons pour soutenir la demande de prolongation. LA CMA examinera la demande et l'approbation est accordée au cas par cas.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 12: Ibisabwa mu gutanga raporo no kubika inyandiko</u></p> | <p><u>Article 12: Reporting requirements and records keeping</u></p> | <p><u>Article 12: Exigences en matière de rapports et conservation des documents</u></p> |
| <p>(1) Mu gihe cy’igerageza, CMA isaba abitabiriye igerageza gutanga buri kwezi raporo z’intambwe imaze guterwa z’uko igerageza ririmo gukorwa. Inshuro izo raporo zitangwamo zishobora guhinduka bitewe n’uburyo igerageza riteguye, ingano y’aho igerageza rikorerwa, n’ibyateza ingorane muri iryo. Abitabiriye igerageza banasabwa kandi gutanga raporo ya nyuma mu minsi 30 uhereye ku itariki igihe cy’igerageza cyarangiriyeho;</p> | <p>(1) During the testing period, the CMA will require the Participants to submit interim reports every month on the progress of the test during the testing period. The frequency of interim reports may change depending on the complexity, scale and risks associated with the test. The participants will also be required to submit the final report within 30 calendar days from the expiry date of the testing period;</p> | <p>(1) Pendant la période d'essai, la CMA demande aux participants de soumettre des rapports provisoires tous les trois mois sur l'avancement de l'essai pendant la période d'essai. La fréquence des rapports provisoires peut changer et être inférieure à trois mois en fonction de la complexité, de l'ampleur et des risques associés au test. Les participants sont également tenus de soumettre le rapport final dans les 30 jours calendaires à compter de la date d'expiration de la période d'essai ;</p> |
| <p>(2) Umuyobozi mukuru w’ikigo cyitabiriye igerageza cyangwa Umukozi mukuru uhagarariye Umuyobozi mukuru mu buryo</p> | <p>(2) The CEO of the participants or senior officer duly authorized by the CEO must confirm all interim and final reports;</p> | <p>(2) Le PDG des participants ou un cadre supérieur dûment autorisé par le PDG doit confirmer tous les rapports provisoires et finaux ;</p> |

| | | |
|--|---|---|
| <p>bwemewe n'amategeko bagomba kwemeza izo raporo zose zagiye zitangwa zigaragaza intambwe ku yindi uko igerageza rurimo gukorwa hamwe na raporo ya nyuma;</p> <p>(3) Abitabiriye igerageza bagomba gushyikiriza CMA raporo z'intambwe ku yindi zigaragaza ukuntu igerageza rurimo gukorwa, zikubiyemo:</p> <p>(a) Uko rurimo gukorwa hagendewe ku bipimo by'ingezi by'imikorere (KPIs);</p> <p>(b) Imihigo nyamukuru yeshejwe yerekeranye n'ibipimo by'ingenzi by'imikorere n'amakuru y'ibarurishamibare (Urugero: Agaciro n'ingano z'ibyakozwe bikarangira, umubare w'abashoramari b'abakorerabushake, n'ibindi.);</p> <p>(c) Ibibazo by'ingenzi byavutse bitewe n'uburiganya, cyangwa raporo y'ibyabaye mu mikorere; n'ibikorwa cyangwa ingamba byafashwe mu guhangana nabyo;</p> <p>(d) Amakuru arambuye y'imikorere cyangwa ibijyanye na tekini harimo n'ibibazo by'umutekano w'ikorabuhanga cyangwa ibyaha</p> | <p>(3) The participants must submit interim reports to the CMA on the progress of testing which includes:</p> <p>(a) Progress in the defined Key Performance Indicators (KPIs);</p> <p>(b) Key milestones achieved related to the defined KPIs and statistical information (e.g., Value and volume of transactions accomplished, number of volunteer investors, etc.);</p> <p>(c) Key issues arising as observed from fraud, or operational incident reports; and actions or steps taken to address the key issues;</p> <p>(d) Detailed log of operational or technical incidents including any cyber security issues or breaches (if any) and steps taken to address the same;</p> | <p>(3) Les participants doivent soumettre à la CMA des rapports provisoires sur l'avancement des tests, notamment :</p> <p>(a) Progrès dans les indicateurs de performance clés (KPI) définis ;</p> <p>(b) Étapes clés atteintes liées aux KPI définis et aux informations statistiques (par exemple, valeur et volume des transactions réalisées, nombre d'investisseurs volontaires, etc.) ;</p> <p>(c) Problèmes clés découlant d'observations de fraudes ou de rapports d'incidents opérationnels ; et les actions ou mesures prises pour résoudre les problèmes clés;</p> <p>(d) Journal détaillé des incidents opérationnels ou techniques, y compris tout problème ou violation de cybersécurité (le cas échéant) et les</p> |
|--|---|---|

| | | |
|--|---|--|
| <p>by'ikoranabuhanga (niba byarabayeho) n'ingamba zo guhangana nabyo;</p> <p>(e) Urutonde ruvuguruwe rw'ingorane zabayeho n'ingamba zo guhangana nazo;</p> <p>(f) Amakuru arambuye yerekeranye n'ibirego n'uburyo bikemurwa;</p> <p>(4) Abitabiriye igerageza bagomba gutanga raporo ya nyuma ikubiyemo amakuru akurikira:</p> <p>(a) Iby'ingenzi byavuye mu igerageza, ibipimo by'ingenzi by'imikorere hamwe n'ingamba zemeranyijweho zirebana no gutsinda cyangwa gutsindwa isuzuma kimwe n'ibyavuye mu isuzuma;</p> <p>(b) Raporo zose ku bibazo byabaye n'imyanzuro yafashwe ku bibazo by'abakiliya, niba bihari;</p> <p>(c) Amasomo yakuwe mu igerageza, mu gihe habayeho kudatambuka igerageza, harimo, ariko atari byo gusa, impamvu zo kudatambuka igerageza n'uburyo byakemurwa; na</p> | <p>(e) An updated list of emerging risks and actions taken to address them;</p> <p>(f) Details of any investor complaints and how they are being addressed;</p> <p>(4) The Sandbox Participants must submit a final report containing the following information:</p> <p>(a) Key outcomes, key performance indicators against agreed measures for success or failure of the test and findings of the test;</p> <p>(b) A full account of all incident reports and resolution of user complaints, if any;</p> <p>(c) In the case of a failed test, lessons learned from the test, including but not limited to the reasons of failure and how they may be addressed; and</p> | <p>mesures prises pour y remédier ;</p> <p>(e) Une liste mise à jour des risques émergents et des mesures prises pour y faire face ;</p> <p>(f) Détails de toutes les plaintes des investisseurs et de la manière dont elles sont traitées ;</p> <p>(4) Les Participants Sandbox doivent soumettre un rapport final contenant les informations suivantes :</p> <p>(a) Principaux résultats, indicateurs de performance clés par rapport aux mesures convenues pour le succès ou l'échec du test et les résultats du test ;</p> <p>(b) Un compte rendu complet de tous les rapports d'incidents et la résolution des plaintes des utilisateurs, le cas échéant ;</p> <p>(c) Dans le cas d'un test échoué, les leçons tirées du test, y compris, mais sans s'y limiter, les raisons de l'échec et la manière dont elles peuvent être traitées ; et</p> |
|--|---|--|

| | | |
|---|--|--|
| <p>(d) Gahunda yo guhindura ibicuruzwa cyangwa serivisi bikajya ku isoko ryagutse, mu gihe habayeho gutsinda isuzuma;</p> <p>(5) Uwitabiriye igerageza agomba gukora ku buryo abika neza inyandiko z'igerageza zakozwe mu gihe cy'igerageza kugira ngo CMA izazigenzure;</p> <p>(6) N'uwitabiriye igerageza kandi abika neza izo nyandiko mu gihe cy'imyaka itanu uherye ku gihe igerageza ryarangiriye agasohoka mu igerageza.</p> | <p>(d) In the case of a successful test, the plan for the transition of the product or service to a wider market;</p> <p>(5) The participant must ensure that proper records of the conducted tests are maintained during the testing period for review by the CMA; and</p> <p>(6) The participant shall also maintain such records for a period of five years from the completion of testing/exit from the sandbox.</p> | <p>(d) En cas de test réussi, le plan de transition du produit ou du service vers un marché plus large ;</p> <p>(5) Le participant doit s'assurer que des documents appropriés des tests effectués sont conservés pendant la période de test pour examen par la CMA ; et</p> <p>(6) Le participant conserve également ces documents pendant une période de cinq ans à compter de la fin des tests/de la sortie du sandbox.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 13: Ingingo ivanaho ingingo zinyuranye n'iyi mirongo ngenderwaho</u></p> <p>Ingingo zose z'imirongo ngenderwaho yo mu rwego rw'ubugenzuzizi ibanziriza iyi mirongo ngenderwaho kandi zinyuranye nayo zivanyweho.</p> | <p><u>Article 13: Repealing provisions</u></p> <p>All prior regulatory provisions contrary to these guidelines are hereby repealed.</p> | <p><u>Article 13: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires aux présentes directives sont abrogées.</p> |
